Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga igira isoni kurusha umukobwa w'isugi, iyo yabonaga ikintu itishimiye twabiboneraga mu buranga bwayo

Hadith yaturutse kwa Abu Said Al Khud'riy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga igira isoni kurusha umukobwa w'isugi, iyo yabonaga ikintu itishimiye twabiboneraga mu buranga bwayo.
[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Abu Said Al Khudriy (Imana imwishimire) aravuga ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga irangwa no kugira isoni kuruta umukobwa w'isugi utararongorwa, uba mu cyumba. No mu bigaragaza isoni zayirangaga nuko iyo yangaga ikintu, uburanga bwayo bwarahidnukaga ntivuge, abasangirangendo bakamenya ko yabyanze mu buranga bwayo.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3153